RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

**2025** Tariki 24- 31 Mutarama




**Basketball : Habaye imikino y'igikombe cya "Super Cup" ku nshuro ya mbere**

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Football :** Amakipe yahawe ingengabihe y'imikino yo kwishyura

P1 **Football:** Habaye tombola ya ⅛ mu gikombe cy'Amahoro

P2 **Basketball:** Igikombe cy'intwari cyitabiriwe n'amakipe y'icyiciro cya kabiri gusa

P2 **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona

P3 **Wheelchair Basketball:** Kicukiro yihariye igikombe cy'Intwari

P3 **Volleyball:** Habaye imikino ya shampiyona y'umunsi wa 9

1

## **Football :** APR FC na Police FC zahuriye ku mukino wa nyuma w'igikombe cy'Intwari

Tariki 01 Gashyantare 2025, kuri Kigali Pele Stadium hateganyijwe umukino wa nyuma w'igikombe cy'Intwari "Heroes Cup 2025" uzahuza ikipe ya APR FC na Police FC mu bagabo. Muri ½ yabaye tariki 28 Mutarama 2025 , izi kipe zitwaye neza aho APR FC yatsinze AS Kigali ibitego 2-0, naho Police FC isezerera Rayon Sport kuri penaliti 3-1 nyuma yo kunganya igitego 1-1.

Mu bagore, ikipe ya Rayon Sports WFC izahura ku mukino wa nyuma n'Indahangarwa WFC.





## **Football:** Habaye tombola ya ⅛ mu gikombe cy'Amahoro

Tariki 24 Mutarama 2024, habaye tombola y'uko amakipe azahura mu mikino y'igikombe cy'Amahoro mu bagabo "Peace Cup 2025". Ikipe ya APR FC izahura na Musanze FC, Rayon Sports ikine na Rutsiro FC, AS Kigali ihure na Vision FC, Amagaju FC na Bugesera FC, City Boys ikine na Gorilla FC, Nyanza FC ikine na Police FC, Intare FC ikine na Mukura VS naho AS Muhanga ikine na Gasogi United.






## **Basketball:** Igikombe cy'intwari cyitabiriwe n'amakipe y'icyiciro cya kabiri gusa

Tariki 29 Mutarama 2025 ni bwo hatangiye gukinwa imikino y'igikombe cy'Intwari mu mukino wa Basketball aho izasozwa tariki 02 Gashyantare 2025. Iyi mikino yitabiriwe n'amakipe yo mu cyiciro cya kabiri.







## **Basketball:** Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 25 na 26 Mutarama 2025, muri muri Lycée de Kigali habereye imikino ya shampiyona, ihuza Kepler na UGB, ndetse na Azomco ikina na REG, irangira Kepler itsinze UGB amanota 71-67, naho Azomco ihabwa intera na REG itsinzwe 58-104.

| DATE / TIME | VENUE | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| Jan 24, 2025, 6:00 PM | Lycee de Kigali Play ground | PATRIOTS | 89 | FINAL | 64 | AZOMCO |
| Jan 24, 2025, 8:30 PM | Lycee de Kigali Play ground | Tigers BBC | 80 | FINAL | 73 | ESPOIR |
| Jan 25, 2025, 5:30 PM | KEPLER | KEPLER BBC | 71 | FINAL | 67 | United Generations for Basketball |
| Jan 26, 2025, 2:00 PM | Lycee de Kigali Play ground | AZOMCO | 58 | FINAL | 104 | REG |
| Jan 26, 2025, 4:30 PM | Lycee de Kigali Play ground | APR BBC | 85 | FINAL | 71 | ORION |



## **Wheelchair** Basketball: Kicukiro yihariye igikombe cy'Intwari

Tariki 26 Mutarama 2025, muri Gymnasium ya NPC-Rwanda habereye imikino y'igikombe cy'Intwari mu mukino wa Wheelchair Basketball. Iyi mikino yahuje amakipe 7 mu byiciro byombi, harimo 3 y'abagore ari yo Kicukiro, Gasabo na Move Dream, ndetse n'andi 4 mu bagabo ari yo Kicukiro, Gasabo, Musanze, n'Indahangarwa. Mu byiciro byombi, iki gikombe cyegukanywe n'ikipe ya Kicukiro aho mu bagabo yatsinze Musanze amanota 49-30, naho mu bagore itsinda Gasabo ku manota 32-6.








## **Volleyball:** Habaye imikino ya shampiyona y'umunsi wa 9

Tariki 24 na 25 Mutarama 2025, shampiyona ya Volleyball yarakomeje ku munsi wayo wa 9. Iyi mikino yarangiye APR VC itsinze Police VC amaseti 3-1, Gisagara nayo itsinda EAUR amaseti 3-1. Ni mu gihe mu bagore Rwanda Revenue yatsinze EAUR amaseti 3-0, Police VC nayo itsinda APR VC amaseti 3-0.







RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave